# 422: Yesu yageze mu Rwanda

1. Yesu yageze mu Rwanda, N'i Burund' agerayo;
   Yigerey' i Tanganyika N'i Bugande n'i Kongo.
Yadukuye mu bugoryi No mu mwijima mwinshi;
Tumuberey' umuryango : Tumusingize cyane !

2. Imana yishimye cyane Kubon' ibyo yaremye;
   Byari biboneye byose, Nta n'inenge byarimo.
Maz' umunt' iramurema,Ab' umukurambere
W'inyamaswa n'amatungo; Byos' abyit' amazina.

3. Satan' ajy'arushy' abantu,Abah' ibishushanyo
   No kubabuz' agaciro No kubarushya cyane.
Yabahugije Umuremyi,Ababwir' ibinyoma.
Abahemukir' iteka : Ni we mwanz' ukabije.

4. yemwe mwese abari mw isi. Abakuru n'abato,
   Nimumenye yukw Imana Yer'ikang' ibyaha pe !
Ni cyo cyatumy' ic' Adamu,We na Hawa, mw Edeni,
Ikarimbura ya mirwa, Sodomu na Gomora.

5. Yemwe mwes' abari mw isi, Namw' abari mw ijuru,
   Nimumeny' Imana yacu Yukw ar' inyambabazi!
Yatanze n'Umwana wayo,Aratubabarizwa;
Yagiriwe nabi cyane, Bamubamba ku Giti.

6. Yes' ashobor' imitima Y'abinangiye bose,
   Uhereye mu Bulaya,Ukageza mw Afrika.
Nta mitima w' atabasha, Nubwo yaba nk'ibuye;
Nubw' irimw ibyaha byinshi Yos' arayishobora.

Visit us at burundi.indirimbo.com